# INKURU YA BIBILIYA HAMWE NA YESU

KIM SOONHEE /EUNOK JO



# Ibaruwa y'Ubuvugizi

Haleluya!
Turashimira Uwiteka ku kuduha igitabo gishya cy'inkuru zo muri Ubutumwa Bwiza.
Twahoraga duhura n'ibibazo byo kubura ibikoresho bihagije byo kwigisha mu ishuri rya Bibiliya ryo ku cyumweru mu mirima y'ubutumwa. Nubwo twahoraga tubona ibitabo byo kwigisha mu mashuri ya Bibiliya y'impeshyi buri mwaka, ibyo bikoresho ntibyabashaga gutanga inkuru zihagije zafasha abana kumenya no kwibuka Ijambo ry'Imana ngo babane naryo. Abarimu b'ishuri ry'icyumweru bahuraga n'ingorane zo guhindura imirongo ya Bibiliya mu nkuru zoroshye zishobora gusobanuka neza ku bana.

Hanyuma, igitabo "Inkuru z'Ijuru" cya Madamu Kim cyaje kitwegere nk'impano y'umugisha.
Igitabo cyari cyuzuye ubuhamya nyabwo bw'ijuru kandi cyari gishimishije gusoma. Abarimu bashimishijwe cyane no kubona ko abana bashobora guhita bitabira neza kuramya, ndetse bagatangira kurota kuzajya mu bwami bw'Imana.
Muri ubwo buryo, twakiriye inkuru nziza y'ibyishimo y'icyo gitabo gishya cy'inkuru z'Ubutumwa Bwiza bwa Yesu.

Ndifuza cyane ko iki gitabo gishya cyagera henshi kandi kikagera ku bana benshi, kugira ngo imitima y'urubyiruko nyinshi irangwe n'Umwuka w'Imana kandi Ubwami bw'Imana burusheho kwaguka.

- Younghee Han, Umumisioneri muri Legazpi, Philippinesy -

## INKURU ZA BIBILIYA ZARATANGIYE


| | |
|---|---|
| Itariki y'itangazwa | Dec.22.2018 |
| Yasohowe na | Dongjae Lee |
| Yanditswe na | Eunok Jo / Soonhee Kim |
| Yatunganyijwe na | Eunok Jo |
| Yashushanyijwe na | Livega Lee |
| Imbyino zo kuramya na | Jiin Kang |
| Indirimbo na | Dayoung Han |
| Agapfukamunwa karemwe na | Jongok Go / Junin Lee / Eunyoung Na |
| Imikino na | Eunsuk Jung |
| Byahinduwe mu Cyongereza na | Haeni Lee |
| Byahinduwe mu Bushinwa na | Gaeul Lim |
| Byahinduwe mu Gitagalogi na | Haeun Jo |
| Byahinduwe mu Cyiviyetinamu na: | Phuing Chi |
| Byahinduwe mu Gifaransa na: | Pst. Emmanuelle |
| Byahinduwe mu Kinyarwanda na: | LIGO |




# Inyigisho z'inkuru


1. Kuvuka kwa Yesu -1

2. Bakurikira inyenyeri -9

3. Yesu yarabatijwe -17

4. Yesu yarageragejwe -25

5. Petero, umurobyi w'abantu -33

6. Igitangaza cya mbere Yesu yakoze -41

7. Yesu, ni umuhengeri, ndumva mfite ubwoba -49

8. Data , ndashaka kugaruka kugaruka mu rugo -57

9. Zakayo, ururuka unsange -65

10. Mureke abana bato bansange -73

11. Lazaro wapfuye yazutse -81

12. Mukobwa , Byuka! -89




# 1. Kuvuka kwa Yesu

(Matayo. 1:18-25, Luka 2:1-7)

Umukobwa witwa Mariya yabaga mu mujyi witwa Galileya. Yari yarasabwa n'umugabo witwa Yosefu. Imana yabakundaga nk'abantu bafite kwizera kwa nyako.

Umunsi umwe , Marayika Gaburiyeli atumwa kuri Mariya, agira ubwoba akibona Gaburiyeli.

"Mariya ,ntugire ubwoba, ndihano ngo nkuhe ubutumwa Imana yampaye."

"Malayaika Gaburiyeli, ni igiki gitumye unsura. ?"

"Mariya, Nubwo nta mugabo ufite, ugiye gusama inda y'Umwuka Wera."

"Ngwiki? Ni gute ibyo byambaho?"




"Imana yarakwishimiye , numara kumubyara, uzamwita Yesu. Mariya arikanga, yiruka gushaka Yosefu.

"Yosefu! Yosefu!!"

"Mariya! tuza , utagwa hasi."

"Yozefu, Ahwiiiii... imwuka ugiye kunshiramo... Ahuuu... nkufashe iki ? Marayika yansanze ambwira ko ngiye gusama inda y'umwana w'umuhunga y'Umwuka Wera."

"Birashoboka se? Mariya we , ibyo ...mbega biratangaje ! Dukoe iki? Ni gute byatubaho?Ndumva ngize ubwoba.



Yosefu agwa mu kantu akimara kumva inkuru ya Mariya.
Yarabizi ko abantu abantu baratangira kuvuga nabi Mariya ku bijyanye no gusama inda mbere yo gukora ubukwe.
Yozefu atangira gutekereza ukuntu yatandukana na we mu ibanga atamukojeje isoni.
Maze, umwuka wera amuzaho mu nzozi.
"Yozefu , muhungu wa Dawidi, nyumva witonze."
"oh.. yego! Niteguye kumva icyo marayika ambwira."
Ntinye gutwara Mariya nk'umugore wawe. Umwana  atwite yamuhawe na Mwuka Wera.





Azabyara umwana w'umuhungu kandi uzamwita Yesu, kuko azakiza abantu ibyaha.

"Yego, Mwuka, Weral!"

Ibi byose byabayeho kugira ngo humvikane ibyo Imana yavuze binyuze mu bahanuzi," bagira bait mwumve!Umugore w'isugi azasama inda ! Abyare umuhungu, amwite Emanweli".

Urako Nyagasani, nzumvira amagambo yawe.

Bamaze gushyingiranwa , Yezefu yita ku mugore we birushije iminsi yambere.

Muri icyo gihe Guverinoma yarimo gukora ibarura ry'abaturage. Yozefu nk'umuhungu wa Dawidi, yagombaga gusubira I Betelehemu,Yagomba kujyana n'umugore we Mariya. Bagera I Betelehemu Mariya yendaga kubyara.

" Mariya, umeze neza?wantegerezaho iminota mike, reka nshake ahantu heza ho kuruhukira

Hashize igihe gito, agaruka ababaye.

" Mariya, mbabarira, mbuze icyumba na kimwe, ibihari byose biruzuye

Yozefu, ntugire ubwoba, Imana yacu iribuze kwita kuri buri kimwe...... Ndakeka ko umwana atangiye kuza, ndumva ntangiye kumva ububabare.

" oh, Mariya ndabona hano hari ikiraro kirimo ubusa, nibura waryama hano"

Mariya abyarira mu kirugu, ahanagura uruhinja, arangije aruryamisha mu muvure

Nuko maze umwana yesu aravuka, aza ku isi.

" azabyara umuhungu umwite YESU, kubera ariwe uzakiza abantube ibyaha byabo" ( Matayo 1: 21)





## Mukundwa mukobwa wanjye , muhungu wanjye

Rukundo rwanjye! Ese ntufite amatsiko y'impamvu, njyewe, nk'umwana w'umuremyi w'isi navukiye mu mumuvure ahantu hasanzwe mukiraro cy'amatungo.
Ese byarikugenda bite iyo nza kuvukira I Bwami cg mu muryango ukize? Navukiye mu kiraro kugira ngo nkureho ibyaha byanyu, kugira ngo mwitwe abana b'Imana.Nta wundi washoboraga kubikuraho utari njye. Ni yo mpamvu navukiye mu muryango uciriritse kugira ngo abantu bose barokoke.
Rero, nizeye ko abana banjye bakurikiza amagambo yanjye yo gukunda mugenzi wawe kandi twicishije bugiufi.

Lots of Love,
Jesus





## Mukundwa Yesu,

Nshuti yanjye Yesu, Isabukuru nziza kuri wowe, isabukuru nziza!
Uyu munsi , ni isabukuru yawe. Turizihiza Noheli.
Twambaye imbyenda myiza mu kuyizihiza no kuguha icyubahiro. Kandi twateguye n'umukino ku munsi mukuru wawe.Birashimishije cyane. Ntabwo twarambirwa gutegura umunsi wawe  Mbisubiyemo na none, Isabukuru nziza! Ndagukunda cyane.

Love,

your dearest daughter

# 2. Bakurikira inyenyeri

(Matayo 2:1-12)

Yesu yavukiye I Betelehemu ku ngoma y'umwami Herodi. Abanyabwenge bize ibijyanye n'inyenyeri basuye Yerusalemu.
" Ari he uwavutse nk'umwami w'abayahudi? Ari he?
Turi abanyabwenge baturutse iburasirazuba, twaje kumuramya.
Abantu ntibari bafite ubushobozi bwo kumva ibya abanyabwenge barimo kuvuga
" Mwamenye ko umwami w'abayahudi yavukiye I Yerusalemu?





Ubwo abantu bose bavugaga ku kuvuka k'umwami, byageze no ku mwami Herode. Ahamagaza inama y'abantu bakomeye ndetse n'abayobozi mu nama ngo babyigeho.
”Ni he Messiya yavukiye?”
“Hagomba kuba ari I Betelehemu, byavuzwe n'abahanuzi. Umutware azavukira I Betelehemu, ku butaka bw'abayuda, azaba umushumba w'abantu ba Isiraheli.”

Umwami Herode yababajwe n’uko uyu mwami wavutse agiye gutuma atakaza intebe y’ubwami.Ahamagaza abanyabwenge mu ibanga ngo bamuhe amakuru kuri byo.

‘Ni ryari mwatangiye kubona inyenyeri?‘

„Twari twageze iburasurazuba.”

Ni byo? ubwo none arihe?”

“ I Betelehemu.”

Noneho mujye I Betelehemu mwige byinshi kuru urwo ruhinja. Nanjye ndumva nshaka kwizihiza ibirori by’ivuka rye, rero nimumubona, muze mumbwire.

Abanyabwenge bavuye i Betelehemu batazi ko umwami Herodi yababeshyaga.

Ya nyenyeri babonye bari iburasirazuba irongera iragaragara na none.

”

“Mbega byiza! Murebe inyenyeri. Iriya ni yo yatuyoboye. Irikutwereka inzira!”

“ Ni byo! Iriya ni yo. Reka tuyikurikire.”

‘ Yemwe, ya nyenyeri yahagaze. Ndizera ko tugeze aho umwami yavukiye.’

“Byiza! Ni aha. Aha niho Mesiya ari”

Binjira mu nzu, babona Yesu.

Mariya na Yozefu batungurwa no kubona abashyitsi badasanzwe.





“Ni gute mwabashije kuza hano?”

Inyenyeri yerekanye ivuka ry’umwami w’abayuda , niyo yatuyoboye hano. Twe , twayikurikiye itugeza ibetelehemu.

Abanyabwenge barapfukama baramya umwana Yesu!

“ Isabukuru nziza Yesu”

“Bapfundura imitwaro yabo , bamutura amaturo y’izahabu n’icyome n’ishanga”



‘ iyi ni izahabu , icyome n’ishanga. Ni impano twakuzaniye. Turakwiginze byakire.
Imana ivugana n’abanyabwenge mu nzozi bamaze guhura na Yesu.
.
“ Ntimusubire  kwa Herode, munyure indi nzira. Arigutegura kwica umwana Yesu.”
Abanyabwenge banyura indi nzira basubira iwabo nk’uko Imana yari yabibabwiye.


“‘Nawe , Betelehemu, ho mu gihugu cya Yuda, ni ukuri nti uri muto mu idugudu ya Yuda,kuko muri wowe ariho hazaturuka umutware uzaragira ubwoko bwanjye bwa Isiraheli”(Matayo 2:6)



# Bana banjye,

Abanyabwenge bakurikiye inyenyeri ngo bahure nanjye, Namwe muhura nanjye binyuze mu ivugabutumwa. Niba hari umuntu wakuyoboye kuri njyewe, uwo umuntu aba abaye umunyabwenge kuri wowe.
Urashaka kuba umunyabwenge ku banntu bataramenya ?
Reka tukwirakwize ijambo ry'Imana ryo mpano y'igiciro gikomeye ku isi, twiyumvisha ukuntu abanyabwenge bazaniye Yesu impano n'umutima ukunze. Imana yacu izatwishimira.
Ndabakunda.

Lots of love,
Jesus





## Yesu mukundwa,

Ndashaka kuba umunyabwenge nk'uko wabivuze.
Ese nkwiye kuba umunyabwene w'igiciro?
Mbere na mbere, ndandika amazina y'abo nshaka gusangiza ubutumwa bwiza. Noneho mbasengere, maze mbabwire uwo uri we Yesu.
Ndashaka kuba umunyabwenge kuri bo.
Reka, dukurikire inyenyeri.
Ndagukunda yesu!

Love,
your dearest daughter/son

# 3. Yesu yarabatijwe

Matayo: 3:1-17, Mariko 1:1-11, , Yahana 1:19-28

Hari umugabo udasanzwe mu butayu bw'I  Yudaya.
Imyambaro ye yarikozwe mu bwoya bw'indogobe.
Yatungwangwa n'udusimba ndetse akarya n'ubuhura.
Abantu benshi bazaga bamugana bakavuga ibyaha byabo ngo ababatize.
Izina rye ni Yohani Umubatiza




Yegendaga mu butaya bw'iyudeaya agakwirakwiza ubutumwa

## ' Nimwihane, dore ubwami bw'Imana buri hafi!'

Abantu basanga Yohana bavuye I Yerusalemu, no mugi gice cya Yudaya no mugice gikikije uruzi rwa Yorodani, ngo babatirizwe mu ruzi rwa Yorodani.

Mbere y'uko babatizwa, abantu barabanzaga bagapfukama bakicuza ibyaha byabo bakoze

Yohana , icyo yakoraga ni ugufasha abantu kwicuza ibyaha byabo no kugira ngo Imana ibabarire.



Umunsi umwe Yesu, ava I Garilaya, uyerekeza ku ruzu rwa Yorodani, ngo abatizwe na  Yohana.
"Yohana ngwino umbatize."

Yohana aratungurwa, ashaka no guhagarika Yesu.

" Yesu, Ni gute bigenze , ibi ntibishoboka. Nkwiriye kubatizwa nawe, Yesu, yewe sinkwiriye no gupfundura udushumi tw'inkweto zawe, ni gute nakubatiza?'



Yesu areba Yohana aravuga,

‘ Yohana , kora ibyo mvuze, ibi ni ugusohoza ibyo Uwiteka yateganyije. Ntugire ubwoba, ngwino umbatize.”

“..... yego, Yesu. Ndakora ibyo wavuze.”

Yesu yuzura amashimwe ku bwo kubatiza Yesu.J
Yabatije Yesu affite umutima wishimye.



Yesu, amaze kubatizwa, avuye mu mazi, abantu batunguwe no kubona ibintu batangaje.

“ Murebe, dore ikirere kirakingutse, Umwuka wera aramanuka ameze nk’inuma asanga Yesu.”

Si byo gusa, ahubwo humvikanye n’ijwi riturutse mu ijuru.

“ Uyu ni umwana wanjye , nkunda, kandi nkamwishimira.”

Njye ndababatiza n’amazi, ariko ubwo mbibabwira, uzaze we azababatirisha umwuka wera. Kandi uwo muntu ni Yesu. Umwuka Wera yaje amugumaho ubwo namubatizaga . Ni umwana w’Imana.



Yesu akimara kubatizwa, yavuye mu mazi. Ako kanya ijuru rirakinguka, abona Umwuka w'Imana amanuka ameze nk'inuma. Ijwi rituruka mu ijuru riravuga" Uyu ni umwana wanjya nkunda kandi nkamwishimira."

(Matayo 3:16-17)





## Bana banjye,

Ndababwira inkuru igoye kuyumva, ariko ni inkuru mugomba kumenya. Mwigeze mwumva Ubutatu bwera? Imana Data, Umwana n'Umwuka Wera. Nkimara kubatizwaga, ubwo navaga mu mazi, Imana yigargaje mu ijwi, mu gihe Umwuka Wera yigaragaje amanuka ameze nk'inuma. Cyari igihe Imana , njye nk'Umwana, ndetse na Mwuka Wera twari tugaragaye nk'ubutatu bwera turikumwe.

Ijwi ryavuze ngo uyu ni umwana wanjye nkunda kandi nishimira. Ni byanyu mwese abana banjye. Rero mushobora kuba abana b'Imana kuko gusa mwanyizeye, kuko noherejwe n'Imana.
Ndabakunda!

Lots of Love,
Jesus

# Mukundwa Yesu,


Yesu! Ibi biragoye kubyumva,Biragoye kurusha gufata mu mutwe mpara zose( gukuba) Ariko ni ukumenya ko Ubutatu Bwera bugizwe na Mwuka Wera, Yesu n'Imana data nk'Imana imwe.Ntabwo bigoye cyane kumva ko tugomba kwicuza ibyaha byacu ngo tube abana bawe nk'uko abantu babigenzaga mbere yuko babatizwa na Yohana. Urakoze ku bw'urukundo rwawe ruduha ubuntu bwo kwitwa abana bawe iyo twatuye ibyaha byacu.

Love,
Your dearest daughter/son



# 4. Yesu yarageragejwe

Matayo 4:1-11, Mariko 1:12-13, Luka 4:1-13



Yesu akiva kubatirizwa, yaje yuzuye umwuka wera kuko yaramaze kubatirizwa mu ruzi rwa Yorodani nkuko yari yabatijwe na Yohana Umubatiza. Umwuka Wra amuyobora mu butayu ngo ahamare iminsi 40. . Yasengaga amanywa na nijoro. Umunsi umwe Satani asanga Yesu.

“Muraho Yesu. Ugomba kuba ufite inzara. Ese uri umwana w’Imana?“Yego,ndi umwana w’Imana.”

“Ni byo se? Niba uri umwana w’Imana , bwira aya mabuye ahinduke imigati.”

Yesu aramusubiza.

“Haranditswe ngo “ Umuntu ntatungwa n’umugati gusa” Ahubwo ni amagambo aturutse mu kanwa k’Uwiteka .

Satani abura icyo avuga.

“ Ariko ntiyashyirwa. Agomba kuba ashonje. Iminsi 40 yose atarya. Ni gute iki agitsinze?hhhmm, reka noneho mugeragereshe ibyanditswe byera, kubera ko ari byo ari kwishingikirizaho.




Satan ajyana Yesu mu mujyi mwiza cyane ngo ahamugeragereze. Bahagarara ku gasongero  k'inzu ndende.
"Rero, niba uri umwana w'Imana, simbuka ! kuko handitwse ngo Imana izohereeza abamarayika bayo ngo bakuramire, ngo udasitara ku rutare. Rero genda usimbuke !"

Yesu aramusubiza.

"Ibyanditswe na byo biravuga ngo " Ntukagerageze Uwiteka Imana yawe."


Satani yatekerje ko nashuka Yesu akoresheje ibyanditse nta kintu ari bukore. Ariko yesu ntiyigeze ashukwa nawe.

' Biragoye. Ubu se nkoze iki?' Yashoboraga kuba umwami w'abayahudi. None ashoboye kubitsinda! Ngomba gutsinda ku kigeragezo cya nyuma
Satani yakomeje gutegura amayeri akomeye ngo abashe gutsina yesu.





Satani yajyanye Yesu ku gasongero k'umusozi .
"Urabona ubwami bwose? Ndetse n'ubutware bwaho? Ndaguha icubahiro n'ubutwari bwose. ."
"Uri nde wo kumpa ubwami bwose n'icyubahiro cyose by'ubwami bwose?"
' Narabuhawe . Ni ubwanjye, rero nabuha uwo nshaka wese kubuha."
Satani arakomeza.
"Yesu,nuca bugufi, ukandamya, ndaguha ibi byose."




Yesu ategeka satani.

“Toka satana! Haranditswe ngo’ Ugomba kuramya Imana yawe. Ntukayibangikanye n’izindi mana.”Mva imbere”

Nuko Satani arahunga.
Abamarayika bava mu ijuru basanga Yesu bamwitaho.

Yesu aramusubiza, “na none haranditswe ngo:
‘Ntukagerageze Uwiteka Imana yawe.”(Matayo 4:7)



## Bana banjye,

Satana yatekerezaga ko ashobora kunsinda, Arikose gute byari gushoboka? Yagize ubwoba, arahunga, ariko nyuma aragaruka azana n'andi mayeri menshi yo ku nshuka.
Namwe ni ko bizabagendekera, bana banjye, muzahura n'ibigeragezo byinshi biturutse kwa Satani ubwo muzagerageza kunyegera. Satana akomeza guca intege abantu banjye kuko afite ubwoba.
Nta bibazo muzahura nabyo, nimusenga Imana kandi mugatungwa n'amagambo yayo.

Lots of Love,
Jesus

## Mukundwa Yesu,

Byaba ari byiza turamutse dushobora kubona Satani nk'ikinyamaswa giteye ubwoba gifite amahembe.
Ntabwo nzi uko twahangana nacyo kandi dutashobora kukibona.
Rimwe nzayoborwa n'umuryango wanjye cg inshuti zanjye.
Ntabwo nzi uko nabishobora.
Hari ko hari ikintu nzi neza ko Satani adashobora kunyegera igihe cyose ndi kukuramya, ndi kugusenga cg ndi kukumva. Buri gihe nzahorana nawe Yesu . Ndagukunda.

Love,
Your dearest daughter/ son



# 5. Petero, umurobyi w'abantu

Matayo 4:18-22, Mairko 1:16-20. Luka 5:1-11

Umunsi umwe umurobyi witwa Simoni Petero yagiye ku nyanja y'I Galilaya kuroba.

"Ndumva nkeneye amafi, nkuzuza urucundura"!

Aya mafi yagiye he ra!

' Dore izuba rigiye kurenga. Nta fi n'imwe nafashe. None dore ntashye amaramasa. Ese ubu ndarya iki?



Petero yamaze ijoro ryose arimo gutera urushundura, ariko ntiyagi-ra n'ifi n'imwe afata.
Arekeraho, aba aryamye ku nkengero arimo kuruhuka.
Yesu asanga Petero afata ku bwato bwe.

Yesu aramubyutsa
Nuko Yesu yicara hasi yigishiriza abantu ku nkengero

"Rambuka urushundura rwawe mu mazi , maze ufate amafi."



Petero yari inzobere mu byo kuroba azi ahantu haba hari amafi.
Yesu abwira Petero
"Jya hasi cyane maze ujugunye urushundura."
"Yesu naraye ndikujungunya urushundura ijoro ryose, ariko nta kintu nafashe
"......"
"Yesu, reka nkore nk'uko ubivuze."
Agendeye ku magambo ya yesu, Petero ajya hasi mu nyanja maze ajungunya urushundura. Hashize akanya Petero azamura urushundura. Urushundura rwari rwuzuye ku buryo atabashaaga kuruterura wenyine.



Mbega byiza! Urushundura ruruzuye, rurasendereye.

Petero atangira gusaba bagenzi be bari ku rundi ruhande baroba ngo baze bamufashe.

Petero asaba inshuti ze ngo zimufashe

‘ Nshuta zanjye, muze mumfashe , dore urushundura rwanjye ruruzuye kandi rugiye gusandara.”

“ Ni byose? Ni gute wabashije kuroba aya mafi yose? Twe nta kintu twafashe.”

Inshuti ze ziraza ziramufasha. Buzuza ubwato bubiri amafi.



Buri muntu wese atangarira ibyo Petero yakoze, ndetse n'inshuti ze

Yakobo na Yohani baratunguwe.

Petero atungurwa n'aya mafi, ariko agira ubwoba

Petero asanga Yesu, aca bugufi arapfukama.

" Yesu, mbabarira, ndi umunyabyaha. Ndakwinginze ndeka."

"Urashaka kuvuga iki Petero?"



“ Sinari nkuzi, Yesu. Ntabwo nahise nkwizera. Rero , ndakwinginze nsiga.”

Nuko Yesu abwira Petero,

‘ Petero, ntugire ubwoba, kuko guhera ubu, ugiye kuzaba umurobyi w’abantu.’

Nuko Yesu abwira Simoni ati, “ Witinya guhera ubu uzajya uroba abantu.”
Bamaze kugeza amato yabo ku nkombe, barayasiga baramukurikira.”
(Luka 5:10-11)



# Bakundwa bana banjye,


Birashoboka ko  Petero atumvise ibyo namubwiraga: " Igira imuhengeri ujugunye urushundura rwawe murobe." Kubera ko atari bwo buryo bw'abarobyi bwo gufata amafi. Ariko Petero akimara kumvira amagambo yanjye, yahise abona igitangaza maze ahinduka umwigisha wanjye..

Lots of Love,
Jesus

# Mukunzi Yesu,

Mukunzi wanjye Yesu, Kubaha bivuze iki? Nabajije mama wanjye ambwira ko ari gukurikira bya nyabyo. Mbese ni nko kuvuga ngo ' Yego' kuri mama wanjye iyo hari icyo ansabye gukora....Gusa akenshi birangora kuvuga ngo yego. Ariko iyo mvuze Yego bingwa neza kuruta kuvuga Oya! Ese ni yo mpamvu Yesu adusaba kubaha? , Yesu , nzubaha amagambo yawe yo gukunda mugenzi wanjye kandi mbwire inshuti zanjye inkuru zawe. Ndagukunda Yesu.

Love,
your dearest daughter/ son






# 6. Igitangaza cya mbere Yesu yakoze

Yohana 2:1-11

Yesu yakoze ibitangaza byinshi ku bantu. Guhindura amazi umuvinyo ni cyo gitangaza cya mbere yakoze.

Ibi byabaye ubwo Yesu n'umubyeyi we bajyaga i Kana kwitabira ubukwe. N'abigishwa be bari batumiwe. Abantu benshi bari barya kandi banywa mu birori byo kwishimira abageni bashya.

Umuyobozi w'ibirori yaraje maze abwira abantu ati:
"Bagore n'bagabo, ndabasaba imbabazi. Umuvinyo wacu urangiye."



“Imyiteguro yacu ntiyabaye ihagije kuri ibi birori. Mbiseguye byimazeyo.”

Nyina wa Yesu yumvise ayo makuru, maze abwira Yesu ati:
“Mwana wanjye Yesu, umuvinyo wabo urashize.”

Yesu aramusubiza ati:
“Mubyeyi, kuki umbwira ibi? Isaha yanjye yo gutangira umurimo wanjye ntiragera.”

Ariko nyina wa Yesu yahamagaye abakozi maze arababwira ati:
“Icyo Yesu ababwira cyose mugikore.”



Abayuda bafite umuco wo gukaraba intoki n'ibirenge mbere yo kwinjira mu nzu, ku buryo hafi y'umuryango w'inzu nyinshi haba hari intango nini z'amazi.

Hari intango nini esheshatu z'amazi ku muryango w'inzu.
Yesu arababwira ati:
"Nimufate izo ntango muzuzemo amazi."

Abakozi baratangara.
"Ba bantu, ibi bisobanuye iki? Avuze ikintu gitangaje rwose."
"Ni byo, biratangaje cyane. Twashoje umuvinyo, none asabye ko twuzuzamo amazi yo gukaraba!"



“Ba bantu… ariko nyina wa Yesu yatubwiye gukora icyo Yesu atubwira cyose.”
“Ni byo. Dufite indi mahitamo? Reka dukore ibyo yavuze.”

Bamaze kuzuza intango amazi, Yesu arababwira ati:
“Noneho nimusukemo amazi make muyajyane ku muyobozi w’ibi birori.”
Nuko bakora uko Yesu yari yababwiye.



Bajyanye amazi avuye mu ntango bayashyikiriza umuyobozi w'ibirori. Umuyobozi amaze kuyasogongera, ashaka umukwe maze aramubwira ati:

"Yoo! Gute washoboye kubika uyu muvinyu mwiza kugeza ubu? Akenshi abantu babanza kuzana umuvinyu mwiza, hanyuma bagakurikizaho uworoheje kuko abantu baba basinze. Uri umuntu mwiza cyane!"

Abakozi baratangara cyane.

"Ni iki? Birashoboka? Twamuzaniye amazi neza neza."
"Si byo nshobora kwemera! Aya mazi yahindutse umuvinyu mu gihe twayamusangaga?"



“Yego rwose! Yahindutse umuvinyu mwiza.”

“Byari icyemezo cyiza cyane gukurikiza ibyo Yesu yavuze.”

“Sinakiyumvisha ko byabereye imbere y’amaso yanjye. Byabaye koko, si byo?”

“Yego, yego! Ariko ndacyatunguwe.”

Yesu yakoze igitangaza cye cya mbere imbere y’abantu, ahindura amazi umuvinyo mu bukwe. Abantu benshi bishimye cyane banywa umuvinyo wazanwe na Yesu.

N’abigishwa be na bo babonye igitangaza cya Yesu, maze baramwemera.



“Icyo Yesu yakoze hano i Kana mu Galilaya ni cyo cyari ikimenyetso cya mbere, aho yagaragarije ubwiza bwe; nuko abigishwa be baramwemera.” (Yohana 2:11)

# Mwana wanjye nkunda, n'umukobwa wanjye nkunda,

Bana banjye, ndashaka ko muhora mwishimye, ni yo mpamvu nakoze ibitangaza byinshi. Igitangaza cya mbere cyabereye mu bukwe. Ubukwe bugomba kuba bwuzuye ibyishimo n'umunezero, ni yo mpamvu nagikoze. Igitangaza cyanjye cya mbere cyabereye mu bukwe kugira ngo mbereke ko nshaka ko muhora mwishimye kandi munezerewe, nk'uko abo bantu bishimye mu birori banyweye umuvinyo wanjye.

Nabahaye igitangaza kiruta ibindi byose. Ni impano yo kuba abana banjye gusa mukanyizera. Ku bw'ibyo, ndifuza cyane ko muhora muri kumwe nanjye kandi mukasangiza iyi nkuru nziza incuti zanyu n'imiryango yanyu.

Ndabakunda cyane!

Lots of love,
Jesus



# Yesu Ukundwa,

Yesu! Waduhaye igitangaza gikomeye cyane cyadukuye mu byaha byacu, igikorwa nta wundi ku isi ushobora gukora uretse wowe wenyine.

Wikoreye ibyaha byacu utwara umusaraba kugira ngo utange ibyishimo byo kuba abantu b'ubwami bwawe. Waduhaye amahirwe yo kuba abana bawe gusa tukwizera.

Urakoze, Yesu! Ndagukunda.
Love,
I



# 7. Yesu, ni umuhengeri, ndumva mfite ubwoba

(Matayo 8:23-27, Mariko 4:35-41, Luka 8:22-25)

Abantu bumvaga Yesu yabahora iruhande. Ubwo yararangije kwigisha, baramukikiza. Yesu we n'abigishwa be bafata ubwato bava aho hantu.

Reka tujye ku rundi ruhande rw'inyanja ya Garilaya.

Buri wese yaratuje ubwo bagenderaga mu bwato, inyanja ituje.

Kuko yesu yari yahoze yigisha, yarananiwe maze atangira gusinzira

Muri ako kanya hatera umuyaga ukomeye cyane. Umuyaga mwinshi warahuhaga maze ubwato butangira kuzuramo amazi.



Abigishwa batangira kwiruka , bagira ubwoba cyane.

“ Ubwato bwuzuye amazi menshi.”

Ubwato mu kanya gato buraza gusandara.
Noneho natwe turaza kurohama dupfe.
“ Yesu arihe? Turi kumwe na yesu.”
“Yesu, Yesu!





Umwe muri bo arasakuza.

“ Ndumva mfite ubwoba, mujye kureba Yesu, twe tube ducunga ubwato.”

Biragaragara ko tugiye kurohama , reka tumushake.”

‘Abigishwa birukankira kujya kumureba.

Yesu yarasinziriye .

Baramusanga.

“ Yesu, Yesu, Ni gute waba ukisinziriye?”

‘ Dore tugiye kurohama , ngwino udutabare.

“ Uwiteka,turakwinginze  ngwino udutabare tugiye gupfa!”

Intumwa zarasakuzaga cyane zikangura Yesu.

Yesu yumvise gutaka kwabo, arabyuka aturisha umuhengeri n’umuyaga.

“ wa nyanja we tuza nonaha!”

“ wa Muyaga we tuza nonaha!”




Nuko umuhengeri urahagarara, umuyaga uratuza, ubwato nabwo ntibwongera kwibira.

Yesu abwira abigishwa be

“ Ukwizera kwanyu kurihe? Mbega ngo mufite ukwemera guke. Abigishwa bari bakangaranyijwe no kubona ’ibitangaza Yesu yakoraga

“ Uwo mugabo ni nde?”

“ Ni umwana w’Imana.”



“ Ni gute yategeetse umuyaga n’amazi bigatuza.”

“ Ni nde uwo, amazi yumviye?”

‘ Biratangaje ukuntu yahagaritse umuhengeri akoresheje amagambo.”

“ Nubwo twabonye ibitangaza byinshi yakoze, ariko ntitwigeze tumwizera.”

“ Ni byo, Ni yo mpamvu yatubajije aho kwizera kwacu kuri?”

Abigishwa baramusanga, bavuga “ Databuja, Databuja, turapfuye!’

Akangutse acyaha umuyaga n’amazi yihindurije birahosha, haba ituze.( Luka 8: 24)



## Nshutizanjye,

Bana banjye, ubwo habaga umuhengeri, abigishwa bagize ubwoba,. Barambyutsa ngo mbafashe. Ntibakabaye baragize ubwoba kandi turi kumwe, ariko batinye gupfa.
Narimbizi ko badafite ukwizera, ariko ndabakunda cyane.
Mu buzima bwawe hari ibintu byinshi wifuza kumbaza. Nsanga untabaze. Ariko ugomba guhora unyegereye kugira ngo nkufashe usenga buri munsi, undamya .Ndabakunda.

Lots of Love,
Jesus



# Mukundwa Yesu,

Nasomye inkuru. Yavugaga ku muhungu n'umukobwa bavukanaga bahindutse izuba n'ukwezi.
Bafashe umugozi ngo basimbuke bajye hejuru mu kirere, kugira ngo bahunge igisamagwe cyari giteye ubwoba. Cya gisamagwe cyaje kugwa hasi kirapfa ubwo cyageragezaga gufata wa mugozi. Ubwo nasomaga iyi nkuru, ni wowe natekerezagaho. Iyo tuguhimbaza, tukakuramya, ndetse tukagusenga, ni wo mugozi udutabara. Mu gihe kubeshya bagenzi bacu n'inshuti zacu, ababyeyi bacu, ari byo mugozi utuma tugwa hasi tugapfa.
Ese Yesu uzahorereza Satani umugozi w'urupfu nitukugumaho?
Yesu, ndagukunda!

Love,
I



# 8. Data , ndashaka kugaruka kugaruka mu rugohome

Luka 15:11-32



Hariho umugabo w'umukire wabaga mu mugi n'abahungu be babiri Umukuru yakunda gukora kandi agafasha se we, mu gihe umuto yahoraga ari kwishimisha gusa.

" Papa, dore mu rumuna wanjye ntabwo ari gukora. Dore yiryamiye mu nsi y'igiti nta cyo ari gukora



' Papa ndumva ndambiwe umuvandimwe wanjye. Yigirye gukina na bagenzi be mugihe yakubeshye ko agiye gukora.  Reba. Nta nubwo yigeze agaruka."

Umuhungu muto wahoraga yumva ashaka kwikinira , ntiyumvuye se n'umuvandimwe we.

Umunsi umwe asanga se aramubwira  ati " Mpa umugabane wanjye wari kuzampa nkuze"

“ ngo, ngo,..... mwana wanjye....Ayo mafaranga uzayakoza iki?”

Se ararakara, ariko agabanya abahungu be babiri ubutunzi bwe.

Hashize igihe gito,Umuhungu muto yegerenya amafaranga ye, nuka ava mu rugo, aragenda.

Yari yabaye umukire, yagiye gutembera ahantu heza hatandukanye, atakazi amafaranga menshi agura ibyo kurya n’ibindi bintu byinshi yumvaga ashaka.

‘ Mbega,! ibi ni byiza cyane! Hahaha.”

“ Umva, nzakora ikintu cyose nshaka gukora.”





Ariko ya mafaranga ntiyamaze igihe kirekire.

“ Ntibishoboka! Amafaranga yose nayamaze! Ubuse yashiriye he? Ubu se nkoze iki? Sinzi uko nabigenza ngo mbone amafaranga. Nakabaye narigiye kuri mukuru wanjye uko bakora.”

“ Abantu barimo kwijujutira umusaruro muubi, mu gihe njye nta n’igiceri nifitiye. Ubu se ndakurahe ibyo kurya?”

Yarashonje cyane ku buryo yagiye gusabiriza ibyo kurya.

‘ Ndashonje . Mumpe ibyo kurya ndabinginze.”

“ Yewe ! nzaguha ibyo kurya nugaburira ingurube zanjye.”

Mu gihe yagaburiraga ingurube , yumvise ashonje cyane


“ ooh, Ndashonje. Ndumva narya ibi biryo by’ingurube.”

“Mbega ubuzima bwiza, mwa ngurube mwe! Murasinzira neza, mukarya neza, .....nakabaye njya gusaba ingurube ibiryo da “

Ariko nabyo nta muntu wari kubimuha.

“ Ese ubu nacumuye iki koko? Mfite data. Abagaragu bo kwa data ntibarya ibiryo byinshi. Nsubiye mu rugo nabasha nanjye kubiryaho.”

“ ariko se ni gute namutungukamumaso na none?.......... Nkwiriye kugenda nkamusaba kuba umugaragu nanjye.”



agenda adandabirana yerekeza iwabo, abona se ahagaze ku irembo. Se yiruka asanganira umuhungu we muto, nubwo uwo mhungu we yagaragaraga nk'umusabirizi, ariko se abona ko ari umwana we. Se amuhobora amusoma maze atangira kurira.

' OH, Mwana wanjye............. , uzi igihe maze nkutegereje? Buri cyumweru nza aha ngo ndebe ko nakubona.

" Data, mbabarira. Nasesaguye ya mafaranga yose wampaye none ngarutse nk'umusabirizi. ... Ndakwinginze umbabarire. Ndakwinginze reka ngume aha nk'umugaragu wawe nibura umpe ibyo kurya.

ubwo ushaka kuvuga iki? Uri umwana wanjye. Uyu munsi ni umunsi w'ibyishimo. Umuhungu wanjye nari nzi ko yapfuye, yagarutse ari muzima. Reka dutegure umunsi mukuru."

Umubyeyi n'umuhungu we barebana mu maso barira.

Se yari yabwiye abagaragu be ati " Muzane imyenda mishya maze muyimwambike , kandi mumwambike imikufe myiza mu ntoki ze n'inkweto mu birenge bye.Muzane ikimasa cyiza maze mugiteke. Reka twishime kuko umuhungu wanjye yagarutse.".

"'Nawe aramubwira ati " Mwana wanjye , turabana iteka ryose kandi ibyanjye byose ni ibyawe, ariko kwishima no kunezerwa biradukwiriye rwose, kuko murumuna wawe uyu yari yarapfuye none yazutse , yari yazimiye none dore yabonetse.

(Luka 15:31-32)




## Bana banjye ,

Inkuru y'uyu munsi iravuga ku rukundo rw'Imana. Urukundo rwayo ni nk'urwo umubyeyi akunda umwana we. Uwiteka aragutereje kabone nubwo waba waragiye kure ye. Aragutegereje ngo ugararuke nk'uko umubyeyi yahoraga ategereje umuhungu we buri munsi. Aragutegereje ngo umuhamagare ngo ubeho nk'umwana w'Imana.

Niba wari umaze igihe utabaho nk'umwana w'Imana , reka tumusabe, kugira ngo usubire ku Mana umubyeyi wacu. Imna yacu ni nziza kubera ko idukunda.

Lots of love,
Jesus.







# Mu kundwa Yesu,

Yesu! Ese urukundo rw'umubyeyi ni nk'urw'Imana?
Natekerezaga ko urukundo rwa mama ruba ruruta urwa data.
Mama tumarana igihe kirekire, ariko papa tubonana nimugoroba gusa, iyo avuye ku kazi. Ariko numvise ko aba ahuze kugira ngo atume umuryango wacu wishima. Ikindi kandi akunda gukina nanjye mbere yuko ajya ku kazi. Nize ko bose mama na papa bankunda.
Natekerezaga ko Yesu ankunda kurusha Imana, ariko ubu namenye ko bose ari kimwe. Yesu n'Imana ni umwe, rero bigomba kuba kimwe. Si byose?
Uwiteka ndagukunda! Yesu ndagukunda!

Love,
I



# 9. Zakayo, ururuka unsange

Luka 19:1-10

Yesu yinjira I Yeriko , agenda atambagira. Zakayo yinjira mu mbaga y'abantu ngo arebe Yesu


“ Ndabinginze, mureke nyureho, nanjye ndashaka kureba Yesu. Zakayo yari mugufi kuburyo uko yagerageje gusimbuka ngo arebe Yesu , atigeze amubona. Ikindi kandi yari ashinzwe gukusanya imisoro wangwagwa n'abayahudi, ni yo mpamvu batamuretse ngo atambuke.



"Genda. Umunyabyaha nkawe ntakwiriye kureba Yesu."

Zakayo biramubabaza cyane atangira kwijujuta.

" ah, ... Ni ukuri ndumva nshaka kureba Yesu uyu munsi. Ndi mugufi kuburyo ntabasha kumureba, kandi abantu baranyanga cyane kuburyo badashaka ko ninjira."
Ariko ntiyacika intege." Ese hari ubundi buryo bwo ku mubona? Yesu, ni ukuri ndumva nshaka guhura nawe.





Nuko zakayo yurira igiti cyari kiri imbere ye.

‘ Ni byo , ndurira kiriya giti, maze nze kubsha ku-bona Yesu. Yesu araza guca hafi y’igiti.

Nuko Zakayo yirukanka agamu mu nzira Yesu ari-mo , yurira cya giti.

"Mbega byiza, noneho ndabona Yesu"

Abantu babona Zakayo mu giti, maze batangira kumusakuriza


“ Manukayo. Ni bibi.”

‘ Muribeshya. Uyu munsi ngomba kubona na Yesu, nkamenya uwo ari we. Nindamuka nururutse, sindibubashe kubona isura ye kuko ndi mugufi. Kandi namwe ntimushaka ko njya imbere. Ubu ndimo nditegereza Yesu neza hano. Sindibwururuke.

Yesu atambuka anyura munsi y’igiti.

Yesu arahagarara areba hejuru yitegereza Zakayo

“ ah, Yesu arandebye. Ari kunshaka nk’uko bigaraga mu maso ye. Ntibisanzwe...”



Zakayo arishima cyane umutima we utangira gutera cyane.
Nuko Yesu avugisha Zakayo.
Zakayo! Ururuka . Uyu munsi ndarara iwawe.
“ Yesu, Ese koko uraza mu nzu y’umuntu umeze nkanjye? Buri wese aranyanga. Dore benshi baranegura. Ese ni ukuri koko uraza mu nzu yanjye.
Yesu araseka nuko azunguza umutwe we.
Zakayo yumvise ibyo Yesu avuze, yumva sinzi uko abaye. Yumva aratunguwe cyane ku buryo yumvaga adashobora gufunga umunwa we.
Nuko aruruka, ajyana Yesu mu nzu ye.

“Zakayo,! Uyu munsi iwawe harakira agakiza kubera ko urumwe mu rubyaro rwa Aburahamu.Nazanywe no gushaka abatakaye ndetse no kubarokora.“

Yesu yigisha ubutumwa bwiza mu rugo rwa Zakayo.
Zakayo ashimishwa no guhura na Yesu, amwizeza ko agiye gufata kimwe cya kabiri cy’ibyo atunze akagifashisha abakene.
Zakayo arishima cyane umutima we utangira gutera cyane.

Yesu aramubwira ati “ Uyu munsi agakiza kaje muri iyi nzu, kubera ko nawe ari umwana wa Abrahamu kandi umwana w’umuntu yazanywe no gushaka no gukizaicyari cyazimiye.” Luka 19:9-10







## Bana nanjye ,Nshuti zanjye,

Abantu bareba bahitamo bagendeye ku marangamutima ariko ko njyewe ndeba umutima w'umuntu . Ubwo nanyuraga kuri kiriya giti, numvise umutima utaryarya  wa Zakayo ukuntu wari ufite inyota yo kumbona..
Nabonye amaso ya Zakayo ubwo narebaga hejuru, yandebanaga ubwuzu mu maso he.  Numvise nakiriye umutima utaryarya  mu maso he.
Nusengana umutima wawe wose, uzambona.
Nusoma amagambo yanjye nzagusanga bwangu, unsabe, unshimire n'umutima wawe wose kandi undamye utaryarya.
ndagukunda

Lots of love,
Jesus.

## Mukundwa Yesu,

Yesu, ndacyari mugufi nka Zakayo, Buri gihe binsaba guhagarara ku mano ngo ndebe ikintu kiri hejuru. Ariko bagenzi banjye ntibatuma njya imbere yabo, rero numva ukuntu Zakayo yiyumvaga.
Buri gihe ku ntebe y'imbere iyo ngiye kuramya, kugira ngo ndebe neza. Byagenda bite nzaza imyanya yose irimo abantu barebare.
" Yesu, ndagukunda. Ndakwinginze ngwino tubane."

Love,
I


# 10. Mureke abana bato bansange

Matayo 19:13, Mariko 10: 13-16, Luka 18:15-17

Yesu yashaka kwerekana ibanga ry'ijuru. Abantu bazanye abana ngo yesu abaheshe umugisha. Ariko hai abantu benshi ku buryo byari bigoye kubageza aho Yseu yarari.

Abana bagiye imbere kureba Yesu. Abigishwa barababuza.

" Abana mugiye he? Aha ntabwo  ari ahantu, mwebwe abana, mwemerewe kuza. Musubireyo."




” muvandimwe Petero, turashaka kureba Yesu, turakwinginze twereke Yesu.”’

‘ Birahagije, ese ntimwaceceka? Ababyeyi banyu barihe? Musange ababyeyi banyu nonaha.’

“ muvandimwe, tubabarire. Ntabwo turongera gusakuza. Reka turebe mu maso ha Yesu.

Intumwa zikomeza gusohora abana hanze.

“ Ubu dukoze iki noneho? Tugomba kubonana na Yesu...Gusa birasa nk’aho bidashoboka.Ndabona uyu munsi byanze, reka tuzagaruke ejo.



Abana bararambirwa, benda no kubivamo.

Yesu asanga abigishwa , kandi arabarakarira

“ Ntimubuze abana bato kunsanga.”

Mu ijwi rya Yesu ukumtu yabwiraga abigishwa be, byagaragazaga ukuntu yita kandi agakunda abana.

Yesu arongera aravuga kandi ati



## ”Ubwami bw’ijuru n’ubwabameze nk’abana bato. Munsange bana banjye.

Abana bariruka baca mu bantu basanga Yesu.

"Yesu, Yesu!"

"Nshuti zanjye, ni mwitonde mutagwa hasi. Mugende gake."

"Yesu! Yesu! hu...hu..."

"Muhigamire abana bansange."

Yesu areka abana bicara ku mavi ye kandi baramwegera. Abana bicaye bamwegereye , bashoboraga kumubona no kumwumva bibo-roheye. Barishima.





Yesu abwira abantu na none.

‘ utameze nk’umwana muto ntazabasha kwinjira mu bwami bw’ijuru.”

Yesu asobonura neza ko utazakira ubwami bw’Imana nk’umwana muto atazabwinjiramo.

‘ yesu, Yesu! Ushatse kuvuga ko umwana muto nkatwe ashobora kujya mu ijuru?”

‘ Yego, ...cyane rwose. Ijuru ni iry’abana bato nkamwe.”

Mbega! Birashimishije cyane. Yesu yavuze ngo abana nkatwe dushobora kujya mu ijuru. Ndishimye.

Nuko Yesu afata abana mu biganza , abarambikaho ibiganza bye maze abaha umugisha.

"Ndababwiza ukuri, umuntu utazakira ubwami bw’ijuru nk’umwana muto ntazabubona” arabakikira ,abaha umugisha abarambitseho ibiganza.
(Mariko 10:15-16)



# Bana banjye,

Ndabakunda cyane. Mugira urukundo, muri abaziranenge kandi murashimishije. Iyo mbarebye, mba numva ndi kureba ijuru.
Mundeba nta buryarya, ariko abakuru bo iyo bandeba, hari ibyo bampisha
Muzajye muhora mubaho mu ijambo ryanjye kugira ngo nanjye nkomeza kubabonamo ubwami bw'ijuru.
Ndashaka ko muba abana banjye banyizera kandi bafite imitima itanduye babaho bagendeye mu ijambo ryanjye.Nd-abakunda.

Lots of love,
Jesus.

# Mukundwa Yesu,




Yesu, ndishimye cyane. Ko Ukunda abana nkanjye.
Nishimiye kumva ko ubwami bw'ijuru bumeze nk'imiti-ma y'abana.
Nzagerageza burigihe nkurikije ijambo rya Yesu kugira ngo ngire ishusho y'ijuru mu bitekerezo byanjye.
Bityo , nzabe umwana ushimwa na Yesu ati . " Umwana nkawe azajya mu ijuru."
Ndagukunda , Yesu!

Love,
I

# 11. Lazaro wapfuye yazutse

Yohana 11:1-44

Yesu yari yigisha abantu. Haza umuntu yiruka ajya aho Yesu yari ari maze aramubwira:
"Yesu! Nturutse i Betaniya. Lazaro, musaza wa Mariya na Marita, abo ukunda, ararwaye cyane kandi aragenda apfa buhoro buhoro. Bamuntumye ngo nguhamirize ibi."



“Genda ubabwire. Iyi ndwara ntizarangira mu rupfu, ahubwo ni iyo kugira ngo ubwiza bw’Imana bugaragare. Binyuze kuri byo, Umwana w’Imana azahabwa icyubahiro.”

Yesu yagumye aho yari ari indi minsi ibiri, hanyuma ajya kureba Lazaro.

Ageze i Betaniya, hashize iminsi ine Lazaro apfuye kandi ahambwe. Marita yirutse ajya aho Yesu ari ubwo yumvaga ko ahageze.

“Yesu! (Atakamba, arira...) Kubera iki ugeze hano ari ubu gusa? Iyo uza kuba hano, musaza wanjye ntiyari gupfa. Ubu yarapfuye... Yesu! Mbwira ikintu cyose. Nemera ko niba ugisabye, Imana izaguha icyo ushaka cyose.”

“Marita! Musaza wawe azazuka.”

“Yesu! Ndabizi. Musaza wanjye azazuka igihe cy’izuka ku munsi w’imperuka.”



“Nkunda Marita! Tege amatwi neza. Ni jye kuzuka n’ubugingo. Uwizera muri njye azabaho, naho yaba yarapfuye. Kandi umuntu wese uriho ukanyizera, ntazapfa iteka ryose. Ese urabyizera?”

“Yego. Yego, rwose. Nemera ko uri Kristo, Umwana w’Imana, ugomba kuza mu isi.”

“Ni byo, Marita! Urabyize neza. Ariko se, kuki Mariya atakujyanye? Genda umubwire ko mukumbuye.”

Marita asubira mu rugo maze rwihishwa ahamagara Mariya: “Mariya, Yesu aragushaka.”

“Eh? Yesu? Ari hehe ubu?”

Mariya yiruka asanga Yesu.


“Yesu... (arira cyane) Musaza wanjye, uwo wakundaga, yarapfuye Mwami, iyo uza kuba hano, ntiyari gupfa. (Arira cyane...)”

“Mariya... Tuk. Ihangane uhagarike amarira. Musaza wawe bamuhambye he?”



Imbere y’imva ya Lazaro, Mariya yararirага, n’abaturage b’umudugudu bari bamukurikiye na bo bararira, kandi Yesu na we yararize.
Aho imva yari iri, umuryango wayo wari uteweho ibuye. Yesu ategeka ati:

## “Mukureho iryo buye.”



Hanyuma Marita abwira Yesu:

“Yesu! Hashize iminsi ine musaza wanjye apfuye. Ubu harananuka.”

“Marita! Ese sinakubwiye ko nugira ukwizera, uzabona ubwiza bw’Imana? Waba warabibagiwe?”

Marita na Mariya bakuyeho iryo buye bafatanyije n’abantu. Nuko Yesu asemerera mu ijwi rirenga.



## “Sohoka, Lazaro!”

Nuko, urusaku rw’intambwe rwumvikana muri ya mva, Lazaro wari wapfuye arasohoka agenda.

“Mukuraho agatambaro n’imyenda, mumureke agende uko ashaka.”

Mariya areba musaza we Lazaro mu maso.

“Haleluya, Yesu! Musaza wanjye wari wapfuye ari muzima.”

Yesu areba Mariya, amusekera yishimye cyane.

Abantu benshi bemeye Yesu ubwo babonaga Lazaro, wari yazutse, akiriho.

Yesu aramubwira ati: “Ni jye kuzuka n’ubugingo. Uwizera muri jye azabaho, naho yaba yarapfuye; kandi umuntu wese uriho ukanyizera, ntazapfa iteka ryose. Ese urabyizera?”
(Yohana 11:25-26)





## Mwana wanjye nkunda n'umukobwa wanjye nkunda,

Ese wizeye inkuru ya Lazaro wazutse?
Nakijije Lazaro wapfuye kandi nakijije abarwayi.
Nzagukorera byose, bana banjye.
Icyo ugomba gukora gusa ni ukwizera muri jye no kunsenga.

"Yesu, tege amatwi isengesho ryanjye. Ndashaka guhura nawe, Yesu."
Ndi kugutegereza ngo usenge muri ubwo buryo.

Ndabakunda cyane.
Yesu

## Yesu Ukundwa,

Yesu! Warazuye Lazaro wapfuye ngo abeho!
Numva nk'aho nshobora kumva ijwi ryawe riranguruye risakuza ngo "Lazaro!"
Yesu! Ndakwinginze, umpamagare mu izina ryanjye mu buryo nk'ubwo igihe nsenga.
Nzajya nsenga ntegereje kumva ijwi ryawe ryuzuye urukundo.
Kugeza igihe uzasubiza isengesho ryanjye, nzakomeza gusenga.
Ndagukunda, Yesu!

N'urukundo,
Njyewe

# 12. Mukobwa , Byuka!

( Matayo 9: 18-26) , Mariko 5:35-43, Luka 8: 40-45)

( Yesu yari ku rundi ruhande rw'inyanja, aza yegera ubwato. Aho hari abantu benshi ku nkengero,Yesu aguma aho..)

Nuko Yayiro, umutware w'isinagogi , asanga Yesu nuko apfukama ku birenge bye.

" Yesu!

" Ni iki cyatumye ugira agahinda ukaba uri kurira?" Mbwira!"



“ Mwami, umukobwa wanjye w’imyaka 12 ararwaye kandi atangiye gupha. Ndakwinginze ngwino ukize ubuzima bw’umwana wanjye.”

“ Oke, reka tujye kureba umukobwa wawe.”

Ubwo yesu yagendanaga na Yayiro umutware w’isinagogi, imbaga y’abantu iramukurikira.


Uko bakomeje kugenda abantu bamwe baturukaga kwa Yayiro bakavuga bati”

Yayiro! Umukobwa wawe yapfuye. Rero ntiwiririrwe urushya Yesu.”

“ngogw’ iki” Umukobwa wanjye.... Yesu! Ubu nkoze iki?

Yesu yumvise ibyo, ahumuriza Yayiro.

Yayiro ntugire ubwoba , ukomeze wizere.





Yesu aravuga ati"

Petero, Yakobo, na Yohani, abavandimwe ba Yakobo, ni bo bonyine barankurikira , abandi bose basubireyo."

Yesu yinjirana mu nzu nabo.

Abantu barimo barira cyane.

" Koko uragiye wa gakobwa we!  Mbega ukuntu yari akiri muto......"

Yesu yinjira mu nzu aravuga .

**" Kubera iki murikurira . Umukobwa muto ntabwo yapfuye, ahubwo yasinziriye."**

" Yesu umukobwa wanjye yapfuye, ntabwo akibasha guhumeka."

" olala, ....umukobwa wanjye. Nyagasani! Ntabwo nzongera kubona umukobwa wanjye ukundi...sinzongera kumukoraho ukundi, sin-shobora kongera kumuvugisha cyangwa ngo numve avuga ngo " papa.!..)

Yayiro , ntiwirenganye, umukobwa wawe ntabwo yapfuye, arasinziriye gusa."

Abumvise yesu avuga ngo " Arasinziriye" Baseka Yesu.



Hamwe b'abigishwa n'ababyeyi b'umukobwa, Yesu yinjira mu cyumba aho umukobwa yari ari. Yesu afata wa mukobwa akaboko nuko aravuga.

## " Talisa kumi!"

Ibi biravuze ngo " Mukobwa, byuka!

" Yesu, umukobwa wanjye koko ni muzima. Wagira ngo arabyutse yarasinziriye. Uwiteka, urakoze cyane."


Yesu yashimishijwe no kubona umukobwa abyutse agashobora kugenda.

'" Mumuhe ibyo kurya."

" Wow!!!, kukubona uri kurya biragaragaza neza ko ari wowe. Umukobwa ni ukuri ni muzima.Mbonye igitangaza n'amaso yanjye.

Yesu atanga itengeko ryo kutagira n'umwe babibwira. Abantu ntibashoboraga kuvuga inkuru y'umukobwa Yesu yazuye.

Umufata ukuboko aramubwira ngo "Talisa kumi! ( Bisobanura ' gakobwa, ndakubwira nti byuka!" ) Mariko 5:41





## Mukundwa, mwana wanjye,

Nakundaga cyane umukobwa wa Yayiro , ni yo mpamvu namutabaye urupfu.
Kubera ko Imana ibakunda cyane, nk'uko ikunda uri ya mukobwa, Imana yarakurokoye. Wari umunyabyaha ukwiye gupfa . Yarayanyohereje , Umwana w'Imana , ngo akureho ibyaha agukize.
Bana banjye ndabakunda!!
Rero , niba unyizera ukihana ibyaha byawe , ibyaha byawe bizababarirwa uzahinduka ubwoko bw'Imana.

Lots of love,
Jesus.

## Mukundwa Yesu,

Urakoze, Yesu..
Urankunda, ukamfata ikiganza ngo mbyuke.
Nizeye ko inshuti zanye zose zizizera yesu .
Nibatizera Yesu, bazajya mu muriro w'iteka ryose
Ndumva mfite ubwoba.
Yesu, Ikirere nti kimeze neza. Iki ni ighe cy'ubushyuhe twigeze kugira. Iyo ngiye hanze ubushyuhe buranyica.
Izuba riranyegereye , ndikumva umusatsi wanjye uri gushya. Rero ntabwo nshaka kujya ikuzimu, kuko ho hashyushye inshuro miliyoni ugereranyije n' impeshyi.
Yesu, nzajya mu ijuru ku bwo kukwizera nta buryarya. Nzakuvuga ku muryango wanjye na none Ndagukunda Yesu!

Love,
I

INKURU YA BIBILIYA
HAMWE NA YESU